



Uko Kwera Bikora



Kwera Byanditswe na Derek Prince

Mu gice cya kabiri cy'uru ruhererekane rw'Ibaruwa ku kwera, Derek Prince asobanura uruhare Umwuka Wera agira mu kutuzana mu gakiza. Iki gice—cyakuwe mu gitabo 'Set Apart for God' ['Uwatoranyirijwe Imana' tugenekereje mu Kinyarwanda] —kitwibutsa ko Imana yadutoranyije ngo tube abera- na mbere y'uko tuvuka. Iyo tumenye uku kuri, dutangira gusobanukirwa umugambi w'Imana ku buzima bwacu.

Reka turebe uko Imana ikora (bwa mbere binyuze mu Mwuka Wera) mu gihe. Umwuka Wera areza. Muri uru rwego, ijambo "kweza" nk'igikorwa cy'Umwuka Wera risobanura "kwiye gereza, gutandukanya, no guhishura."

Reka dusubire muri 1 Petero 1:1–2, ari cyo cyanditswe cy'ingenzi kuri iri somo ryose ryerekeye kwera:

"...ndabandikiye mwebwe ... mwatoranijwe nk'uko Imana Data wa twese yabamenye kera mubiheshejwe no kwezwa n'Umwuka,

kugira ngo mwumvire Imana muminjagirwe amaraso ya Yesu Kristo."

Uhereye mu Itangiriro

Reba aho igikorwa cyo kweza gukorwa n'Umwuka Wera gishyirwa muri iki gice. Mbere na mbere, dusoma ngo: "Ku batoranijwe... nk'uko Imana Data wa twese yabamenye kera [Imana yabimenye mbere, Imana yaratoye] mubiheshejwe no kwezwa n'Umwuka [Umwuka Wera]." Ni binyuze mu gikorwa cyo kwezwa Umwuka Wera adushyira ahantu ho "kumvira" ubutumwa bwiza, kandi binyuze mu kumvira, tugera ku "kuminjagirwaho amaraso ya Yesu Kristo." Twavuye mu gikorwa cy'Imana Data mu gihe cy'iteka, tujya mu gikorwa cyo kwezwa gukorwa n'Umwuka mu gihe [cy'ubu]—atwiyegereza, adutandukanya, kandi aduhishurira.

Noneho, dusubire muri 2 Abatesalonike 2:13:

"Ariko bene Data bakundwa n'Umwami wacu, dukwiriye kubashimira Imana iteka kuko uhereye mbere na mbere, Imana yabatoranirije agakiza [iherezo ry'amahitamo y'Imana ni agakiza] gaheshwa no kwezwa kuva ku Mwuka no kwizera ukuri."

Pawulo yatangiye ibisobanuro bye kuri uwo murongo wo hejuru avuga ku guhitamo kw'Imana. Kumenya mbere y'igihe kw'Imana ni kimwe mu bigize guhitamo kwayo, nubwo bitavuzwe by'umwihariko hano. Nanone, tubona ko Umwuka Wera ari we utuzana ku gakiza, abinyujije mu gikorwa cye cyo kutweza. Atugeza aho twemera ukuri k'ubutumwa bwiza, tukabwumvira, kandi tukinjira mu gakiza. Ikintu cy'ingenzi tugomba gusobanukirwa rero, ni uko umurimo w'Umwuka Wera utangira mbere y'uko twemera ubutumwa bwiza no kwakira agakiza tuzi neza ibyo turimo gukora.

Umurimo w'Imana mu Buzima bwa Pawulo na Yeremiya

Bizadufasha cyane kwitegereza amagambo abiri akomeye yavuzwe ku bagabo babiri b'ingenzi muri Bibiliya, Pawulo na Yeremiya. Irya mbere riboneka mu Bagalatiya 1:15, aho Pawulo yavuze ibi ku bimwerekeyeho:

"Ariko Imana yantoranije nkiri mu nda ya mama, impamagara ku bw'ubuntu bwayo. Kandi ubwo yashimaga . . ."

Paulo yavuze ko "yamutoranije mu bandi" kuva akivuka mu nda ya nyina. Kuva ku munota wa mbere avutse, Imana yatangiye kumushyira ku ruhande kugira ngo imukoreshe mu migambi yayo idasanzwe. Ariko, mu myaka imwe, Paulo yari ari we mukuru mu barenganyaga itorerwa. Muri icyo gihe, Paulo ntiyari azi agakiza, kuko atari yaremeye Yesu Kristo. Ahubwo, yarwanyaga ubutumwa bwiza ku mugaragaro. Nyamara, muri icyo gihe cyose, Imana Umwuka Wera yakoraga mu buzima bwe kugira ngo amutandukanye n'abandi, amugeze aho Imana yamugeneye kugera kugira ngo umugambi wayo wuzuzwe.

Umuhanuzi Yeremiya yavuze ijambo risa n'iri ku bimwerekeyeho muri Yeremiya 1:4–5:

**"Nuko ijambo ry'Uwiteka rinzaho riti
"Nakumenye ntarakurema mu nda ya nyoko
kandi nakwejeje utaravuka, ngushyiriraho
kuba umuhanuzi uhanurira amahanga."**

Itegereze ko umugambi w'ubuzima bwa Yeremiya wari waramaze kugenwa akiri mu nda ya nyina. Imana yabwiye Yeremiya ko itaramurema mu nda, yari imuzi. Kandi ataravuka, Imana yari yaramwejeje — yaramutoranyije mu bandi — kubera umugambi yari ifitiye ubuzima bwe: kuba "umuhanuzi w'amahanga." Ku bijyanye n'uwo mugambi, Imana yavuze iti: "Nagushyizeho."

Imigambi y'Imana kuri Yeremiya yatangiye gushyirwa mu bikorwa akiri mu nda ya nyina. Ariko igihe Imana yamuvugishirije, Yeremiya mu by'ukuri yaravuze ati: "Mwami, ntumpamagare. Sinshobora kuba umuhanuzi. Ndacyari muto." (Reba umurongo wa 6.) Yeremiya ntiyari azi umugambi w'Imana wari waratangiye gukorera mu buzima bwe na mbere y'uko avuka. Mu by'ukuri, mu ntangiriro ntiyashakaga kwemera uwo mugambi w'Imana.

Tubibona mu buzima bwa Pawulo na Yeremiya ko umurimo wo kwezwa ukorwa n'Umwuka Wera utangira mbere y'uko tugira ubwenge bwo kumenya agakiza, cyangwa mbere y'uko twemera ku bushake bwacu umugambi n'intego by'Imana ku buzima bwacu.

Uko Imana Ikora mu Buzima Bwacu Mubyo Tunyuramo Tubizi

Nyuma yo kumenya imikorere y'Imana, mbere na mbere mu gihe cy'iteka ryose hanyuma no mu gihe [cy'ubu], tugera ku gihe aho Imana ubwayo iza mu byo tunyuramo mu buzima bwacu tubizi neza, kugira ngo umugambi wayo utugeze aho twumva ubutumwa bw'umugaragaro. Iyi mikorere y'Imana tuyibona neza dusubiye gato mu 2 Abatesalonike 2. Pawulo yaranditse ati,

"Uhereye mbere na mbere, Imana yabatoranirije agakiza gaheshwa no kwezwa kuva ku Mwuka no kwizera ukuri. Ni byo yabahamagariye ibahamagaje ubutumwa twahawe." (imirongo ya 13–14)

Umwanya wo guhamagarwa ni igihe umugambi w'Imana utumenyekanishirizwa binyuze mu kubwiriza ijambo ryayo, ubwo tugezwa aho tugomba gusubiza no gufata icyemezo cyihariye cyo kwemera ibyo Imana idusaba mu buzima bwacu.

Tubonamo ukuri nk'uku mu gitabo cy'Abaroma:

"Kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri bene se benshi [harimo abizera bose]. Abo yatoranirije kera yarabahamagaye." (Abaroma 8:29–30)

Iki gika gisobanura uko Imana ikora mu buryo bw'ubutware bwayo mu gihe—mu byo tunyuramo ubwacu bwite, tubizi kandi tubyumva. Mu buryo bw'umubiri, twumva ubutumwa bwiza butangazwa, kandi uko ijambo ry'Imana ribwirizwa,

mu buryo bw'umwuka twumva umuhamagaro w'Imana Ishoborabyose. Ibi ni byo bifatirwaho mu buzima bwa muntu.

Igihe cy'Impinduka Ikomeye

Ibi ni byo umusaraba ari cyo. Niryo fatiro ry'ubuzima bwa buri muntu. Ni ho hahurira inzira ebyiri, izingiro ry'ejo hazaza hacu mu buryo bufatika. Hari igihe gikomeye cyo gufata umwanzuro, aho tugomba kwemera cyangwa kwanga umuhamagaro w'Imana n'ibyo Yesu Kristo adusaba.

Pawulo yavuze kuri iki gihe cy'ingenzi cyane mu 1 Abakorinto:

"Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka ni ubupfu, ariko kuri twebw abakizwa ni imbaraga z'Imana." (1 Abakorinto 1:18)

Mwumve neza ko umusaraba udahinduka; ubutumwa ntibuhinduka. Ariko, ni uko twakira ubwo butumwa bigena ahazaza hacu. Nituramuka tubwemeye kandi tukabwumvira, tuba twinjiye mu gukizwa. Ariko nituramuka tubwanze kandi tukabuhakana, tuba turimo kurimbuka.

Nanone, igitandukanya byose kiri ku musaraba, ari rwo rufatiro, igihe cy'ingenzi cyane cyo gufata icyemezo n'icyo umuntu yaremewe mu buzima bw'umuntu.

Pawulo yagaragaje iki gihe cy'ihinduka rikomeye mu buryo butandukanye mu Bafilipi 3:12:

"Si uko maze guhabwa cyangwa ngo mbe maze gutunganywa rwose, ahubwo ndakurikira kugira ngo ahari mfate icyo Kristo yamfatiye."

Nkunda iryo jambo "gufatwa." Rihuye rwose n'ibyo nanjye nanyuzemo. "Gufatwa" rinyibutsa ukuboko gukomeye kw'Imana Ishoborabyose, kumanuka mu gihe runaka no ku mwanya runaka, kugakora k'ubuzima bw'umuntu. Ni umwanya wo guhitamo; ni umwanya w'icyerekezo cy'ubuzima [destiny]; umwanya wo guhamagarwa, ubwo ukuboko kw'Imana kumanuka kuva mu ijuru, umwanya afata umuntu ku mpamvu yateguye kuva kera cyane, ariko ikagenda iyimwerekana buhoro buhoro uko uwo muntu agenda yemera guhamagarwa kwe. Nyuma y'uwo mwanya, ubuzima bw'uwo muntu ntibushobora kongera kuba nk'uko bwari mbere.

Ntiyongera kuba uko yari ari! Tukiri aho, reka dusoze iyi baruwa dusenga isengesho ryo gushimira Imana:

Urakoze, Mwami, kuko wamfashe ku bw'umugambi wawe. Urakoze ko ukomeza umurimo muriye — unyeza binyuze mu Mwuka Wera, kandi ugashyira kwera kwawe muri nje umwanya ku wundi. Ndabigushimira cyane! Amena.

Inzandiko Zigisha 

Inyandiko: TL-L169-100-KIN

Ibiherutse Kuvugururwa: 10 Aug 2026

Urubuga: [Derekprince.com/rw/resources](https://derekprince.com/rw/resources)



"Umwuka Wera azi inzira
kuko ari we
washushanyije ikarita."

Derek Prince



[Derekprince.com/rw/resources](https://derekprince.com/rw/resources)